## Ubutungane Mu Mwami

# Kwizera


## By Rev. George Leon Pike Sr.


Niba ushaka utundi dutabo, andika ukurikije iyo aduressi yo hepfo.


**Published By**

**Grace Temple**
**PO Box 511**
**Monroe, GA 30655-0511 USA**
**Web: www.GraceTempleOnline.org**
**Email: info@GraceTempleOnline.org**

**KIN9915 • Kinyarwandan • The Faith**

http://www.transology.info/tracts/kin9915t.htm

## Kwizera

Wowe usoma aka gatabo ikintu cya mbere nifuje kukubaza ni iki uri umukristo? Kuba umukristo bisobanurwa ngo gusa na Kristo. Mukubaho kwawe ukora ibintu Kristo yakoze mukubaho kwe? Yagiye hose akora neza, yakizaga abantu bose umwanzi yaratwaje igitugu.

Ufite migambi ki mukubaho kwawe? Ni ngombwa kugira ngo impamvu yawe ibe itunganye, cyangwa se ikintu ukora ni ikosa, nubgo cyaba kigaragara neza. Intego yawe ni kugira urugo, ahari imodoka n'amafranga mur bank: cyangwa se umurimo, icyubahiro, umugore, cyangwa se ubushobozi muri iyisini? Nshuti yanjy kwerekwa kumeze gutyo ntacyo kumaze. Iyaba wari ukize cyane, uri ikirangirire, n' umuntu ukomeye mu Isi, byaba ari ubusa gusa no kwirushya mu bitekerezo. Nkuko byanditswe muri Bibuliya, Umwami Salomoni yari afite ibintu byose, nyamara yabyise ubusa.

Kumenywa n'Imana ni bwo bukire bgonyine bga iteka. Kugira ubgenge kaminuzi bgerekeye ibintu kyose byo muri iyi ni ubusa, kuko, ibiri muri iyi Isi, byose, bizashiraho mu mwanya muto, kandi ntibizibukwa ukundi.

Iyo tuvuga kwitegura kubera igihe kizaza, icyo gihe kiri he? Icyo gihe ntikizwi n'Imana ubgayo? Imana ifata umutima w' Umwami mu kiganza cyayo, ikawuyobora aho Ishaka, nka imigezi ya amazi ni ko Bibiliya itubgira. Imana irema Icyiza n' iki, kandi kuri ibi byombi uburyo bga Imana bgemeranya n' ibyanditswe.

Muri iyi Isi cyangwa se mu Isi izaza ntidushobora gukoresha inzagihe niba itari mu migambi ya Imana. Igihe kimwe navuganye n' umupastori ibya igihe kizaza. Yiteguraga gukorera Imana, ariko arangije kwisyurira inzu ye, maze mu gihe yiteguraga kwishyura igice giheruka, umwe mu bana be yarhamye mu kidendezi cyari inyuma y' inzu. Byajyaga kuba byiza iyaba byose yarabishyize mu maboko y' Imana mu itangiriro.

Ku mugoroba umwe umuntu yaje mu giterane cyacu, maze mu gihe umwuka w' Imana wemezega abantu kwihana, yari afite uburyo bgo kwemera agakiza, ariko yarakanze. Ku munsi ukurikiraho nababajwe no kureba intumbiye, aho yariri mu isanduka. Amaze kureka Imana urupfu rwahise rumujyana. Ntabwo yariyiteguye ibigiye kumubaho.

Mu kindi giterane nibukije abantu babiri iby' agakiza, ariko ntabgo babyitayeho. Hashize umwanya muto abo bantu bombi barapfuye. Kugira ngo mvuge ibyerekeye umuri imo manjwe w' ubupastori wo kwerekana ko nta ntagihe Nshobora kubaho myuranije n' imigambi y' Imana.

Bibiliya itubgira ko nta mugiranabi, ugira amahoro. Mu matwi y' umukire hari urusaku rw'iteka kandi ruteye ubgaba. Guterwa n' ibyago byaburimunsi, bikomotse ku bgoba bgo gupfusha aba vandiumwe, indwara, ibyago mu buzima bgaburi muntu, ni imibereho mibi cyane Gukosa no guhirimbanira kugira ibintu byinshi ku buryo bugirira undi muntu nabi ntabwo ariyo mibereho myiza. Idini y' uburyarya, kwriganya ubgacumugukoresha ibitekerezo n' ubgenge, kwihumuriza ko dufite kwizera no kwiringira, ninde wavuga ko iyi ari imiberaho ya gikristo niba umuntu atabvivumvamo? Impamvu idutera gukorera undi muntu, igomba kuba iy' ukuri, kandi igomba kuba ifite umutima uhana, igihe cyose dukwiriye kumenya ko dufite umutwaro wo kurinda umuvandimwe wacu muri Kristo. Buri muntu weqmuri twe ariho kubg 'undi munto. Uku niko Imana yabitegetse, nicyo gituma turi abarinzi b' umuvandimwe muri Kristo. Kayini yishe Abeli, nikuvuga ko yanze kuba umurinzi w' umuvandamwe we, kubgo gushukwa n'ibyifuzo bye. Imana izahemba umuntu ikurikije imirimoye. Uwirundaniza ubukire akoresheje uburiganya, ntazagira ihuriro n'abandi mu kubaho kwe, kandi iherezo rye, azaba umupfu.

Reka kwita ku nzu nziza, n'amamodoka ubonana abautu. Reka kwita ku cyubahiro, ubgamamare, n'imyanya myiza, ahubwo wite ku mavuriro, n'ibyago bi kunda kubaku bantu batuye mu migi. Imibereho myiza iboneka mu munezero, amahoro no mubutungane. Gukorera Imana niko kuzana ibi byose.

Ijwi ryahamagaye abantu hashize inyaka amagana menshi, riracyaduhamagara wowe na njye. Ni ijwi ry' Imana rikomeza guhamagara abantu uherye kukuremwakw' Isi.

Irijwirya Kristo ryumvikanye muri banyakwiegndera. Ryumvikanye mu minsi ya Nowa mbere y' umuzure. Ryumvikanye mu minsi ya Kristo mbere y' icyorezo cyabaye kuri Yerusalemu. Ijwi rya Kristo ryageze ku bantu barwanyaga abahindi, bashaka ubgihisho gb' umugaru w' ubuzima; mu gihe baganzaga ibihugu. Imkuru zo mu gihe cyashize zifite amagambo asobanura kubaho kwa Yesu n' imibabaro ye ari wowe na njye azize. Uyu munsi iri jwi rirahamagara abantu batuye mu bihugu by' abasocializimu. Nshuti yanjye ndakubaza iki kibazo, kuki tutita kuri irijwe riduhamagarira kwihana, no kuva mu nzira zacu za gisocializimu maze tukibera abantu boroheje?

Kristo vavuze ko abantu bo mu minsi iheruka bazaba intumva bazikunda sho gukunda Imana. Paulo yavuze ko aba ari bo bantu imperuka y' Isa izasohoreraho.

Benshi bo muri mwe mbgira basubiye inyuma mwamaze kwemerea umwuka wa Satani gukorera muri mwe ibintu byose Imana yanga.

Kubona ko ikintu cyose kizahenga, n' Isi izatwikwa n' umuriro, Petero yabajije uko dukwiriye kwaifata mu mivugire ikwirjye abera, mu gihe tugitegereje kandi twihutisha kuza k' umunsi w' Imana.

Uyu Petero, wahawe infunguzo z' ubgami bgo mu ijuru, ku munsi wa Pentekosite, igihe itorero rya mbere ryatangiye, yarahagaze akiugura ugura urugi kugira ngo amoko yose yinjire. Abantu ibihumbi binjiye mu itorero uwo munsi.

Muri million ebyiri n' igice cyangwa se eshatu zituye kuri ly 'Isi yacu, ni abuntu bangahe bazi ko amagambo ya Petero ari ijwi rya Kristo rihamagara amoko yose n' abantu b' ibihe byose?

Umuhamagaro ni uwo kwihana, no kubatizwa mu izina rya Yesu Kristo Kugira ngo abihannye bashobore kubabarirwa ibyaha, Kugira ngo mubashe kubona impano y' umwuka wera, kuko ari kubganyu n' abana banyu, umwami, Imana yacu, izahamagara. Uri muri uyu muhamagaro?

Bibliya itubgira ko aba bantu bakomeje kwitondera imyigshirize y' intumwa. Mwibuke ko ntayindi nzira iriho.

Mwakijijwe n' ubuntu kubgo kwizera. Ntabgo ari kubera imirimo vugira ngo hatagira umuntu wirata, ahubgo n' impano y' Imana. Abantu bumvise ijambo nyuko Petero yabgirije; bizeye ijambo, no kwizera kuzanwa no kumva ijanbo kwinjijwe mu bugingo bgabo ku-

bera kumvira ijanbory 'Imana Petero yavuze. Uwo mwanya abantu bemeye Umwuka wera, Umwuka w' Imana ufite ubugingo buhoraho, agakiza n' imbaraga zo kuzuka.

Isezerano Imana yasezeranije Aburahamu, muri Kristo, yarishohoje Ku munsi wa Pentekosite, igihe Petero avuqa ati, "Iri ni isezerano mu masezerano yose umwami mana yacu izibuka?"

Tuboirwa guhamya ko gunhamaqarwa no gutoranywa kwacu. Dushobora dute kumenya ko twarituri mubo Imana yabanje kumenya? Urwandiko rwa mbere rwa I Petero 1:2 rutubgira ko turi intore kuko Imana yatumenye kera, tubiheshejwe no kwezwo kw' umwuka tubiheshejwe no kubaha Imana, tukaminjagirwa amaraso ya Yesu Kristo.

Imana yaduhaye ibintu byose bikwiriye ubuzima n' ubutungane, kandi yaduhamagariye icyubahiro n' umurava.

Ibyo ni byo byatumye iduha ibyo yasezeranije by' igiciro cyinshi, bikomeye cyane kugira ngo bidutere gufatanya na kamere y Imana, tumaze guhunga no gukira kononekara kwazanywe mu Isi no kwifuza.

Ku murongo wa cumi, Petero atugira Imana yo kugira umwete, tukavugururura kwizera kwacu n' umurava; kandi umurava ukwiriye kuyoborwa n' ubgenge; kandi ubgenge nabgo bukwiriye guhugurwa, uko guhugura gukwiriye kugira kwihangana; kwihanga nako kukagira imigirire ikomoka ku Mana iyi migirire ikomoko ku Mana n'mibanire myiza ya kivandimwe, n' urukundo Petero aravuga ati niba iyi mico iba muri mwe, ntimuzagumbaha cyangwa se ngo mubure kwera imbuto, ahubwo mumenye ko utagira iyi mico ari impumyi, kandi ntashobora kureba kure, yibagiwe ko yejejwe akavanwa mu byaha bye bya kera.

Urukundo rurihanga, rugira neza; ntirugira ishyari; urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza, ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho; ntirutekereza ikibi ku muntu; ntirwishimira gukiranirwa kw' abandi, ahubgo rwishimira ukuri; rubabarira byose, kandi rwihauganira ibintu byose.

Yesu yaravuze ati umukristo twamumenyera ku mbuto ze. Tuzi yuko tuvuye mu rupfu tukaba tugeze mu bugingo, kuko dukunda bene data. Imana ni Urukundo. Uguma mu Urujundo, aguma mu-Mana.

Imbuto z' Umwuka ni urukundo, umunezero, amahoro, kwihanga, ubugwaneza, ingeso nziza, kwizera, kugwaneza, kwirinda; ibimeze bityo nta mategeko abihana. Izi ngingo zerekana ko uri umwe mu bahamagawe kandi batoranijwe, niba ziboneka mu mibereho yawe.

Ntimuzi yuko abakiranirwa batazaragwa ubganmi bg' Imana? Ntimwishuke; abahehesi, cyangwa abasenga ibishushanyo, cyangwa abasambanyi, cyangwa ibitingwa, cyangwa abagabo bendana, cyangwa abajura, cyangwe abifuza, cyangwa abasinzi, cyangwa abatukawa cyangwa abanyazi, ben' abo ntibazaragwa ubgami bg' Imana. Paul yavuze yuko tudakwiriye kuba abariganya.

Ubgirize abantu ijambo ry' Imana, ugire umwete mu gihe kigukwiriye no mukitagukwiriye, uhane, uteshe, uhugure, ufite kwihangana kose no kwigisha. Kuko igihe kizaza batazihanganira inyigisho nyakuri, ahubgo, kuko amatwi yabo azaba abarya yifuza kumva ibibanezeza, bazigwiriza abigisha bahuje n' irari ryabo kandi baziziba amatwi ngo batumva ukuri, bazayoba bakurikize imigani y' ibinyoma.

Nihagira uwigisha ibitandukuauye n' ibi, cyangwa se akigisha imyigishirze y' inzaduka iduhuje n' iby' Imana, azaba vihimbaza, yerekana ibibazo biza impagaara n' intonganya. Ntawukora ibyiza n' umwe. Twese twayobye nk' itamozizimiye, twese twabaye intatane; Uwiteka amushyiraho gukiranirwa kwacu twese. Ndavuga kwizera kwigishijwe abera; Izere Umwami Yesu uyu munsi maze ukire. My gusenga kwanjye, ndasaba ngo Imana ibahe umugisha.

Rev. George Leon Pike Sr.

Founder and first President of Jesus Christ's Eternal Kingdom of Abundant Life, Inc.

Ubutungane Mu Mwami